|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(i) umuyobozi mukuru;</p> <p>(ii) abakozi bo mu buyobozi bukuru batanga raporo ku nama y'ubutegetsi cyangwa ku makomite y'inama y'ubutegetsi; na</p> <p>(iii) abakozi bo mu buyobozi bukuru batanga raporo ku muyobozi mukuru.</p> <p>(h) “uri mu nama y'ubutegetsi utari nshingwabikorwa” bivuga umwe mu bagize inama y'ubutegetsi ariko udafite inshingano z'ubuyobozi mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa;</p> <p>(i) “isosiyete mbyeyi” bivuga isosiyete ifite imigabane cyangwa uburenganzira bwo gutora biri hejuru ya 50% mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa;</p> | <p>(i) the chief executive officer (CEO) /Managing Director (MD);</p> <p>(ii) senior executives reporting to the board of directors or to the board committees; and</p> <p>(iii) senior executives reporting to the chief executive officer (CEO) or Managing Director (MD).</p> <p>(h) “non-executive director” means a member of the board of directors but who does not have management responsibilities within the deposit-taking microfinance institution;</p> <p>(i) “parent company” means a company, which holds more than 50% of shareholding or voting rights in a deposit-taking microfinance institution;</p> | <p>(i) le directeur général (DG);</p> <p>(ii) les cadres supérieurs répondant au conseil d'administration ou aux comités du conseil d'administration ; et</p> <p>(iii) les cadres supérieurs répondant au directeur général (DG).</p> <p>(h) «administrateur non-exécutif» signifie membre du conseil d'administration mais qui n'a pas des responsabilités de direction au sein de l'institution de microfinance de dépôt ;</p> <p>(i) «société mère» signifie une société qui détient plus de 50% des droits de participation ou de vote dans une institution de microfinance de dépôt ;</p> |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                              |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(j) “aho gukorera ibikorwa” bivuga ishami, agashami, ahantu hatangirwa serivisi z'imari zimwe na zimwe, ahatangirwa serivisi z'imari hagendanwa, imodoka itangirwamo serivisi z'imari, imashini yikoresha mu kubikuza amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga (ATM) cyangwa ahandi hose ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gikorera bimwe cyangwa byose mu bikorwa;</p> <p>(k) “umuntu ufitanye isano n'ikigo” hakubiyemo, bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa:</p> <p>(i) umunyamigabane ufite imigabane igaragara, ugize inama y'ubutegetsi, uri mu buyobozi, umukozi ndetse n'uwo bashakanye, uwo bafitanye isano itaziguye cyangwa iziguye kugeza ku gisanira cya kabiri muri sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa;</p> | <p>(j) “place of business” means a branch, a subbranch, outlet, mobile branch, mobile van, Automated Teller Machine (ATM) or any other place where a deposit-taking microfinance institution carries out some or all of its business;</p> <p>(k) “related party” includes, without prejudice to the provisions of law governing deposit taking microfinance institutions:</p> <p>(i) a significant shareholder, member of board of directors, member of management, staff and their spouse, family member on direct line or collateral line up to the second degree in a deposit-taking microfinance company;</p> | <p>(j) «lieu d'activité» signifie une branche, une sousbranche, un point de vente, une branche mobile, un véhicule mobile, un guichet automatique (ATM) ou tout autre endroit où une institution de microfinance de dépôt effectue une partie ou la totalité de ses activités ;</p> <p>(k) «personne apparentée» comprend, sans préjudice aux dispositions de la loi régissant les institutions de microfinance de dépôt:</p> <p>(i) dans une société de microfinance de dépôt: un actionnaire important, un directeur, un membre de la direction, un membre du personnel et son époux, parent en ligne directe ou collatérale jusqu'au deuxième degré;</p> |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(ii) ugize inama y'ubutegetsi, ugize komite zatowe, uri mu buyobozi, umukozi ndetse n'uwo bashakanye, uwo bafitanye isano itaziguye cyangwa iziguye kugeza ku gisanira cya kabiri muri koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa.</p> <p>(l) "uruhare rugaragara" bivuga ububasha bwo kugira uruhare mu gufata ibyemezo ku mikorere na politiki byerekeranye n'imari y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa;</p> <p>(m) "kugira imigabane igaragara" bivuga imigabane umuntu afite mu kigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, ari wenyine cyangwa ari kumwe n'abandi ihwanye nibura na gatanu ku ijana (5%) y'imari shingiro yacyo cyangwa by'uburenganzira bwo gutora cyangwa imuhesha ububasha bwo kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo mu micungire y'ikigo;</p> | <p>(ii) a member of board of directors, member of elected committees, member of management, staff and their spouse, family member on direct line or collateral line up to the second degree in a deposit-taking microfinance cooperative.</p> <p>(l) "significant influence" means the power to participate in operating and financial policy decisions of a deposit-taking microfinance institution;</p> <p>(m) "significant shareholding" means shareholding in a deposit-taking microfinance institution where a person, directly or indirectly, whether alone or in conjunction with others, holds at least five per cent (5%) of the equity capital or voting rights of such institution or has a holding that enables the person to exercise significant influence in the management of the institution;</p> | <p>(ii) dans une coopérative de microfinance de dépôt: un directeur, un membre du comité élu, un membre de la direction, un membre du personnel et son époux, parent en ligne directe ou collatérale jusqu'au deuxième degré.</p> <p>(l) «influence significative» signifie le pouvoir de participer aux décisions des opérations et de la politique financière d'une institution de microfinance de dépôt;</p> <p>(m) «tenue des actions significatives» participation dans une institution de microfinance de dépôt lorsqu'une personne, directement ou indirectement, soit seule ou conjointement avec d'autres, détient au moins cinq pour cent (5%) du capital ou des droits de vote de cette institution ou a une participation qui permet à cette personne d'exercer une influence significative dans la gestion de l'institution ;</p> |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(n) “isosiyete yabyawe n’indi” bivuga isosiyete ikigo cy’imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gifitemo imigabane irenga 50% cyangwa uburenganzira bugaragara bwo gutora ndetse n’ububasha bwo kugenzura;</p> <p>(o) “guhindura imiterere” bivuga koperative y’imari iciriritse yakira amafaranga abitswa ihinduka isosiyete y’imari iciriritse yakira amafaranga abitswa.</p> | <p>(n) “subsidiary” means a company in which a deposit-taking microfinance institution has a shareholding of more than 50% or voting rights with controlling powers;</p> <p>(o) “transformation” means a deposit-taking microfinance cooperative changing into a deposit-taking microfinance company.</p> | <p>(n) «filiale» signifie une société dans laquelle une institution de microfinance de dépôt détient une participation de plus de 50% ou des droits de vote avec pouvoir de contrôle ;</p> <p>(o) «transformation» signifie changement d’une coopérative de microfinance de dépôt à une société de microfinance de dépôt.</p> |
| <p><b><u>UMUTWE WA II: IBIGENDERWAHO MU GUTANGA URUHUSHYA</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   | <p><b><u>CHAPTER II: REQUIREMENTS FOR LICENSING</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                               | <p><b><u>CHAPITRE II: EXIGENCES D’AGRÉMENT</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                        |
| <p><b><u>Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu gutanga uruhushya</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  | <p><b><u>Section One: Licensing conditions</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                    | <p><b><u>Section première: Conditions d’agrément</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                  |
| <p><b><u>Ingingo ya 3: Imari shingiro itagibwa muni</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         | <p><b><u>Article 3: Minimum paid up capital</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                   | <p><b><u>Article 3: Capital libéré minimum</u></b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                        |
| <p>(1) Imari shingiro itagibwa muni isabwa ni:</p> <p>(i) 1.000.000.000 FRW kuri sosiyete y’imari iciriritse yakira amafaranga abitswa;</p>                                                                                                                                                                                                                                             | <p>The required minimum paid up capital must be:</p> <p>(i) FRW 1,000,000,000 for deposit-taking microfinance company;</p>                                                                                                                                                                                | <p>(1) Le capital libéré minimum requis est:</p> <p>(i) 1.000.000.000 FRW pour la société de microfinance de dépôt;</p>                                                                                                                                                                                                       |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(ii) 100.000.000 FRW kuri koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa.</p> <p>(2) Usaba uruhushya agaragaza ubushobozi afite bwo guhorana imari shingiro igihe cyose idahungabanywa n'igihombo ku gipimo cyagenwe kandi akubahiriza igipimo cy'imari shingiro ihagije kigenwa hakurikije aya mabwiriza rusange.</p> <p>(3) Usaba uruhushya atanga inyandiko zihamya inkomoko y'amafaranga agize imari shingiro.</p>          | <p>(ii) FRW 100,000,000 for a deposit-taking microfinance cooperative.</p> <p>(3) The applicant for license demonstrates the ability to maintain its capital at all time unimpaired by losses at the prescribed minimum regulatory capital and to comply with the ongoing capital adequacy ratio established in accordance with this regulation.</p> <p>(4) The applicant submits the supporting documents evidencing the sources of capital funds.</p> | <p>(ii) 100.000.000 FRW pour la coopérative de microfinance de dépôt.</p> <p>(2) Le requérant démontre sa capacité à maintenir son capital à tout moment sans subir de pertes au capital réglementaire minimum prescrit et à se conformer au ratio d'adéquation du capital établi conformément au présent règlement.</p> <p>(3) Le requérant présente les pièces justificatives attestant les sources de financement.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 4: Imiterere y'imari shingiro</u></b></p> <p>(1) Mu miterere y'imari shingiro y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisaba kwemererwa gukora hagomba kugaragaramo ugukorera mu mucyo guhagije kugira ngo byoroherewe Banki Nkuru gusuzuma abanyamigabane cyangwa abanyamuryango bafite uruhare rugaragara, baba abayishoye ku buryo buziguye ndetse n'ubutaziguye, ndetse n'ibigo bigishamikiyeho.</p> | <p><b><u>Article 4: Capital structure</u></b></p> <p>(1) There shall be sufficient transparency in the capital structure of the proposed deposit-taking microfinance institution so as to enable the Central Bank to evaluate the institution's significant direct and indirect shareholders or membership and their corporate affiliations.</p>                                                                                                        | <p><b><u>Article 4: Structure du capital</u></b></p> <p>(1) La structure du capital de l'institution de microfinance de dépôt proposée doit être suffisamment transparente pour permettre à la Banque Centrale d'évaluer des actionnaires ou membres importants directs et indirects de l'institution et leurs affiliations.</p>                                                                                          |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |                                                                                                                                                                                                                                                                  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(2) Banki Nkuru isuzuma imirimo ya kera y'ubucuruzi, yakozwe n'abafite imigabane igaragara, ubudakemwa bwabo n'uburyo bahagaze mu rubuga rw'abacuruzi, n'ubushobozi mu by'imari abashoye imigabane myinshi bose bafite n'ubushobozi bafite bwo kongera gutanga indi nkunga y'imari, biramutse bikenewe.</p> | <p>(2) The Central Bank reviews the significant shareholders' past business ventures, their integrity and standing in the business community, as well as the financial strength and their ability to provide further financial support, should it be needed.</p> | <p>(2) La Banque Centrale examine les activités antérieures des actionnaires importants, leur intégrité et la réputation dont ils jouissent dans le domaine des affaires, ainsi que la solidité financière de tous les actionnaires importants et leur capacité à fournir un soutien financier additionnel, en cas de besoin.</p> |
| <p>(3) Dosiye isaba kwemererwa gukora, ariko umwe mu bafite imigabane igaragara akaba atujuje ibisabwa mu bijyanye n'ubunyangamugayo n'ubushobozi, ntiyemererwa.</p>                                                                                                                                           | <p>(3) An application, in which one of the significant shareholders does not satisfy the fit and proper person criteria, shall be rejected.</p>                                                                                                                  | <p>(3) Une demande dans laquelle l'un des actionnaires importants ne remplit pas les critères d'intégrité et de compétences, est rejetée.</p>                                                                                                                                                                                     |
| <p>(4) Inkomoko y'imari shingiro y'ibanze igomba gushorwa n'indi mari iteganywa gushorwa igomba kumenyeshwa Banki Nkuru, kimwe n'ijanjisha ry'imigabane rya buri munyamigabane wese.</p>                                                                                                                       | <p>(4) The source of the initial capital to be invested and that of any future funding, shall be disclosed to the Central Bank, as well as the percentage shareholding of each shareholder.</p>                                                                  | <p>(4) La source du capital initial à investir et celle de tout financement futur sont communiquées à la Banque Centrale, ainsi que le pourcentage de participation de chaque actionnaire.</p>                                                                                                                                    |
| <p>(5) Buri munyamigabane ufite uruhare rugaragara yaba ari umuntu ku giti cy cyangwa ikigo, agomba kwemeza ko umutungo wifuzwa gushorwa udaturuka mu bikorwa bitemewe</p>                                                                                                                                     | <p>(5) Each proposed significant individual and institutional shareholder shall declare a statement to the effect that the proposed capital of funding is not from illegal, criminal and suspicious</p>                                                          | <p>(5) Chaque actionnaire important individuel et institutionnel proposé doit faire une déclaration, indiquant que le capital de financement proposé ne provient pas d'activités illégales,</p>                                                                                                                                   |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(2) Banki Nkuru itanga umwanzuro ku ihinduka ry'izina cyangwa ibirango mu gihe kitarenze iminsi 30 nyuma yo kwakira dosiye isaba yuzuye.</p>                                                                      | <p>(2) The Central Bank issues its decision on change of corporate name or logo in a period not exceeding 30 days after receipt of a complete application.</p>                                                              | <p>(2) La Banque Centrale rend sa décision de changement de dénomination sociale ou de logo dans un délai n'excédant pas 30 jours après réception d'une demande complète.</p>                                                               |
| <p>(3) Iyo hahindutse izina, Banki Nkuru itanga uruhushya rwo gukora rushya.</p>                                                                                                                                     | <p>(3) For the change of the corporate name, the Central Bank issues a new license certificate.</p>                                                                                                                         | <p>(3) Pour le changement de dénomination sociale, la Banque Centrale délivre un nouveau certificat d'agrément.</p>                                                                                                                         |

| <b><u>Ingingo ya 16: Amafaranga atangwa ku ruhushya no ku bugenzuzi</u></b>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                     | <b><u>Article 16: License and supervision fee</u></b>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             | <b><u>Article 16: Frais d'agrément et de supervision</u></b>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(1) Amafaranga atangwa ku ruhushya angana na 1.000.000 FRW kuri sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, na 500.000 FRW kuri koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, yishyurwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe nyuma yo kumenyeshwa icyemezo cyo guhabwa uruhushya.</p> <p>(2) Nyuma ya buri mwaka w'ibaruramari, buri kigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa cyishyura amafaranga y'ubugenzuzi angana na 0,05% by'umusaruro mbumbe wabonetse mu mwaka w'ibaruramari ushize wemejwe n'umugenzuzi wigenga. Ayo mafaranga agomba kwishyurwa bitarenze itariki ya 30 Mata y'umwaka w'ibaruramari ukurikira.</p> <p>(3) Uko byagenda kose amafaranga y'ubugenzuzi avugwa mu gika kibanziriza iki ntashobora kuja muni ya 1.000.000 FRW kuri sosiyete y'imari</p> | <p>(1) A license fee of FRW 1,000,000 for deposit-taking microfinance company and FRW 500,000 for deposit-taking microfinance cooperative becomes due and payable not later than one month after notification of the decision granting the licence.</p> <p>(2) After each financial year, every deposit-taking microfinance institution shall be subject to payment of a supervision fee of 0.05% of their audited gross income generated in the previous financial year. This amount shall be paid not later than 30<sup>th</sup> April of the next financial year.</p> <p>(3) In any case, the amount of the supervision fee payable under the preceding paragraph cannot not be less than FRW 1,000,000 for deposit-taking</p> | <p>(1) Les frais d'agrément de 1.000.000 FRW pour la société de microfinance de dépôt et de 500.000 FRW pour la coopérative de microfinance de dépôt deviennent exigibles et payables au plus tard un mois après la notification de la décision d'octroi de l'agrément.</p> <p>(2) Après chaque exercice financier, chaque institution de microfinance de dépôt doit payer les frais de supervision équivalents à 0,05% des revenus bruts audités générés au cours de l'exercice financier précédent. Ce montant doit être payé au plus tard le 30 avril de l'exercice financier suivant.</p> <p>(3) Dans tous les cas, le montant des frais de supervision payable en vertu du paragraphe précédent ne pourra être inférieur à un 1.000.000 FRW pour la</p> |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>iciriritse yakira amafaranga abitswa na 500.000 FRW kuri koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa.</p> <p>(4) Muri iyi ngingo, umusaruro mbumbe ugizwe na:</p> <p>(a) umusaruro nyawo uvanywemo inyungu (Umusaruro wose ukomoka ku nyungu hakuwemo inyungu zishyuwe);</p> <p>(b) umufuragiro;</p> <p>(c) umusaruro ukomoka ku bucuruzi bw'amadevize;</p> <p>(d) izindi nyungu hatabariwemo inyungu zidahoraho, harimo amafaranga akomoka kw'igurishwa ry'imitungo itimukanwa n'aturuka ku bikorwa by'ishoramari, n'inyungu zidakomoka ku bikorwa by'umwimerere wa banki, harimo ubukode n'impano.</p> | <p>microfinance company and FRW 500,000 for deposit-taking microfinance cooperative.</p> <p>(4) For the purpose of this article, gross income include:</p> <p>(a) net interest Income (Gross Interest income minus Interest Expenses);</p> <p>(b) fees and commissions;</p> <p>(c) foreign exchange income;</p> <p>(d) any other income less nonrecurrent income, including gains on disposal of fixed asset or investment and non-banking income, including rental income or grant received.</p> | <p>société de microfinance de dépôt et 500.000 FRW pour la coopérative de microfinance de dépôt.</p> <p>(4) Aux fins du présent article, le revenu brut comprend:</p> <p>(a) revenu net d'intérêts (revenu brut d'intérêts moins les intérêts payés);</p> <p>(b) frais et commissions;</p> <p>(c) revenus sur les opérations de change;</p> <p>(d) tout autre revenu moins les revenus non récurrent, y compris les gains provenant à la disposition des biens immobiliers ou provenant aux investissements, et les revenus provenant aux activités non bancaires, y compris les loyers et les donations reçues.</p> |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><b>UMUTWE WA III: IBINDI BISABWA IBIGO BY'IMARI ICIRIRITSE BIFITE URUHUSHYA RWO GUKORA</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u></b> Ibisabwa mu miterere imigabane igaragara n'iyegukana ry'ikigo</p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Imiterere y'imigabane</p> <p>(1) Umuntu ku giti cy'e harimo uwo bafitanye isano cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi harimo n'ikigo bafitanye isano bifatwe cyangwa bigenzurwa n'undi muntu utari ikigo cy'imari cyangwa isosiyete ihamagarira abantu kuyishoramo imari izwiho imikorere myiza yemerewe na Banki Nkuru ntibagomba gutunga cyangwa kugura haba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye imigabane irenze 25% muri sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa.</p> <p>(2) Ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa kuri Leta y'u Rwanda n'ibigo byayo. Ntibikurikizwa kandi ku zindi Leta z'amahanga, ibigo</p> | <p><b>CHAPTER III: OTHER REGULATORY REQUIREMENTS FOR LICENSED DEPOSIT-TAKING FINANCIAL INSTITUTIONS</b></p> <p><b><u>Section One:</u></b> Requirements for significant shareholding and acquisition</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Shareholding structure</p> <p>(1) A natural person including his or her related party or a corporate body including its related party owned or controlled by one person other than a reputable financial institution or a reputable public company authorized by the Central Bank shall not directly or indirectly own or acquire more than 25% of the shares of a deposit-taking microfinance company.</p> <p>(2) The provisions of paragraph one of this Article shall not apply to the Government of Rwanda and its institutions. It does not also apply to</p> | <p><b>CHAPITRE III: AUTRES EXIGENCES RÉGLEMENTAIRES APPLICABLES AUX INSTITUTIONS FINANCIÈRES DE DÉPÔT AGRÉÉES</b></p> <p><b><u>Section première:</u></b> Exigences d'actionnariat important et acquisition</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Structure de l'actionnariat</p> <p>(1) Une personne physique y compris sa personne apparentée ou une personne morale y compris sa personne apparentée, qui est la propriété ou est contrôlée par une personne autre qu'une institution financière de bonne réputation ou une société publique réputée autorisée par la Banque Centrale, ne peut détenir ou acquérir directement ou indirectement plus de 25% des actions d'une société de microfinance de dépôt.</p> <p>(2) Les dispositions du paragraphe précédant du présent article ne s'appliquent pas au Gouvernement Rwandais et à ses institutions. Ils ne</p> |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                            |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>mpuzamahanga cyangwa undi muntu wese wabyemerewe na Banki Nkuru.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Isaba rikozwe na Sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa ryo kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya imigabane</b></p> <p>(1) Sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, mu izina ry'umuntu ushaka kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya imigabane ihwanye n'uruhare rugaragara mu migabane, isaba Banki Nkuru mu nyandiko isobanura birambuye imiterere y'iyongera, iyegukana cyangwa ihererekanya ndetse n'andi makuru yose ashobora gusabwa na Banki Nkuru.</p> <p>(2) Sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa itanga amakuru yose yerekeye umuntu ushaka kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya</p> | <p>other foreign governments, international institutions or any other person on conditions that they have been approved by the Central Bank.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Application of deposit-taking microfinance company for an increase, acquisition or transfer of shares</b></p> <p>(1) A deposit-taking microfinance company shall, on behalf of a person who is seeking to increase, acquire or transfer shares equivalent to significant holding or controlling interests, apply in writing to the Central Bank providing details on the nature of the increase, acquisition or transfer and any such information that may be requested by the Central Bank.</p> <p>(2) A deposit-taking microfinance company shall provide all information in respect of a person who is seeking to increase, acquire or transfer shares as</p> | <p>s'appliquent pas non plus aux autres gouvernements étrangers, aux institutions internationales ou à toute autre personne, à condition qu'ils aient été approuvés par la Banque Centrale.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Demande de la société de microfinance de dépôt d'augmentation, d'acquisition ou de transfert d'actions</b></p> <p>(1) La société de microfinance de dépôt doit, pour le compte de la personne qui désire augmenter, acquérir ou transférer des actions équivalentes à une participation importante ou à un intérêt de contrôle, adresser une demande écrite à la Banque Centrale en donnant les détails sur la nature de l'augmentation, de l'acquisition ou du transfert et toute autre information pouvant être demandée par la Banque Centrale.</p> <p>(2) La société de microfinance de dépôt doit fournir toutes les informations à l'égard de la personne qui désire augmenter, acquérir ou transférer les actions tel que</p> |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>imigabane nk'uko biteganyijwe mu mugereka wa 2 iyo ari sosiyete n'umugereka wa 3 iyo ari umuntu bwite, y'aya mabwiriza rusange. Sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abistwa itanga ibisobanuro birambuye byerekeye ingaruka kuri ba nyiri imigabane no ku miterere y'imikorere zaterwa n'inyongera, iyegukana cyangwa ihererekanya ry'imigabane risabwa.</p> | <p>specified in the annex 2, if corporate and annex 3 if a natural person of this Regulation. The deposit-taking microfinance company shall also provide details of the impact on its ownership and operational structure that will result from the proposed increase, acquisition or alienation of shares.</p> | <p>spécifié à l'annexe 2 et l'annexe 3, lorsqu'il s'agit respectivement d'une société et d'une personne physique tel que spécifié dans le present Règlement. La société de microfinance de dépôt doit aussi fournir des détails de l'impact sur sa possession et sa structure opérationnelle qui résultera du projet d'augmentation, d'acquisition ou transfert des actions.</p> |
| <p>(3) Sosiyete y'imari iciriritse itanga kandi ibimenyetso byerekana ubushobozi bw'usaba mu byerekeye imari ndetse n'ubushobozi bwo gutanga imari y'inyongera mu gihe bibaye ngombwa.</p>                                                                                                                                                                                | <p>(3) The deposit-taking microfinance company shall also provide the proof of financial strength and ability of the applicant to provide additional capital if needed.</p>                                                                                                                                     | <p>(3) La société de microfinance de dépôt doit aussi fournir la preuve de la capacité financière et de la possibilité du requérant de fournir des capitaux supplémentaires, si nécessaire.</p>                                                                                                                                                                                  |
| <p>(4) Gutanga amakuru ayo ari yo yose atari ukuri cyangwa ayobya bituma usaba yitwa ko atari umuntu ubikwiye kandi ubishoboye, kandi bigize impamvu yo kwanga isaba ryo kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya imigabane.</p>                                                                                                                                          | <p>(4) The submission of any untrue or misleading information shall render the applicant a person not fit and proper and shall constitute grounds for rejection of the application for the increase, acquisition or transfer of shares.</p>                                                                     | <p>(4) La présentation de toute information fausse ou trompeuse rend le demandeur une personne non convenable et compétente et constitue un motif de rejet de la demande pour l'augmentation, l'acquisition ou transfert d'actions.</p>                                                                                                                                          |
| <p>(5) Uretse ibisabwa bivuzwe haruguru, umunyamigabane mushya agomba gutangaza ko amafaranga ateganya</p>                                                                                                                                                                                                                                                                | <p>(5) In addition to above requirements, a new shareholder shall submit a statement to the effect that the proposed</p>                                                                                                                                                                                        | <p>(5) En plus des exigences ci-dessus, le nouvel actionnaire doit déclarer que le financement ou l'investissement</p>                                                                                                                                                                                                                                                           |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                            |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>gutanga cyangwa ishoramari ateganya gukora bidakomoka ku bikorwa bitemewe n'amategeko, ku byaha cyangwa ibikorwa bikemangwa.</p> <p>(6) Sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abistwa imenyeshya Banki Nkuru ikindi gikorwa cyose cyo kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya imigabane iri muni y'uruhare rugaragara mu migabane.</p> <p>(7) Banki Nkuru isubiza uwasabye mu gihe cy'iminsi 30 mu gihe dossier y'ubusabe yuzuye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Impamvu zituma Banki Nkuru yanga ubusabe bwo kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya imigabane</p> <p>Banki Nkuru ishobora kwanga icyifuzo icyo ari cyo cyose cyo kongera, kwegukana cyangwa guhererekanya imigabane iyo icyo cyifuzo:</p> <p>(a) cyabangamira imicungire myiza y'icyo kigo cyangwa guhagarara neza kw'imari yacyo;</p> | <p>funding or investment is not from illegal, criminal or suspicious activities.</p> <p>(6) The deposit-taking microfinance company notifies to the Central Bank any other transaction on the increase, acquisition or transfer of shares that is below the significant holding.</p> <p>(7) The Central Bank respond to applicant within 30 days in case the application file is complete.</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> Grounds for rejection by Central Bank of an application for an increase, acquisition or transfer of shares</p> <p>The Central Bank may reject any proposal of any increase, acquisition, or transfer of shares that would:</p> <p>(a) compromise the quality of the institution's management or its financial soundness;</p> | <p>proposé ne provient pas d'activités illégales, criminelles ou suspectes.</p> <p>(6) La société de microfinance de dépôt notifie à la Banque Centrale toute autre opération d'augmentation, d'acquisition ou de transfert d'actions inférieure à la participation importante.</p> <p>(7) La Banque Centrale répond au demandeur dans un délai de 30 jours si le dossier de demande est complet.</p> <p><b><u>Article 19 :</u></b> Motifs de rejet par la Banque Centrale d'une demande d'augmentation, d'acquisition ou de transfert d'actions</p> <p>La Banque Centrale peut refuser toute proposition d'augmentation, d'acquisition ou de transfert d'actions qui:</p> <p>(a) compromettrait la qualité de la gestion de l'institution ou sa solidité financière;</p> |
|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(c) igikorwa kitazabangamira igenzura rikozwe neza ry'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa ukwacyo cyangwa igenzura rikomatanyije;</p> <p>(d) kitazabangamira urwego rw'imari iciriritse muri rusange;</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  | <p>(c) the transaction will not hinder effective supervision of the deposit taking microfinance institution on solo and consolidated basis;</p> <p>(d) it will not be detrimental to the microfinance sector in general;</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                     | <p>(c) la transaction n'empêchera pas une supervision efficace de l'institution de microfinance de dépôt sur une base individuelle ou consolidée;</p> <p>(d) ne sera pas préjudiciable au secteur de microfinance en général;</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |
| <p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Kwemerera iyegukana, ikomatanya cyangwa ukwibumbira hamwe</b></p> <p>Mu gihe Banki Nkuru ibona ko izemerera burundu iyegukana, ikomatanya cyangwa ukwibumbira hamwe, imenyeshya usaba ko ayishyikiriza icyemezo gishya cy'ishigwa cyangwa icyemezo cyo kwandikwa, ikigo cyaturuste mu iyegukana, ikomatanya cyangwa ukwibumbirahamwe cyahawe n'inzego zibifitiye ububasha mbere yo kwemererwa burundu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27:</u> Ibisabwa nyuma y'iyegukana, ikomatanya cyangwa ukwibumbira hamwe</b></p> <p>Ikigo kivutse kimenyesha rubanda impinduka iyo ari yo yose yavuye mu gikorwa gishobora kubagiraho ingaruka.</p> | <p><b><u>Article 26:</u> Final approval of the acquisition, merger or amalgamation</b></p> <p>In case, the Central Bank is satisfied that it will approve acquisition, merger or amalgamation, it shall inform the applicant to submit the new certificate of incorporation or the registration certificate of the resulting institution from competent authorities before granting the final approval.</p> <p><b><u>Article 27:</u> Post acquisition, merger or amalgamation requirements</b></p> <p>The resulting institution shall inform the public on any change that resulted in the transaction that may affect them.</p> | <p><b><u>Article 26:</u> Approbation définitive de l'acquisition ou de fusion</b></p> <p>Lorsque la Banque Centrale estime qu'elle approuvera l'acquisition ou la fusion, elle informe le requérant pour soumettre le nouveau certificat de constitution ou l'acte d'enregistrement de l'institution issue de l'acquisition ou de la fusion donné par autorités compétentes, avant d'accorder l'approbation finale.</p> <p><b><u>Article 27:</u> Conditions exigées après l'acquisition ou fusion</b></p> <p>L'institution issue de la fusion informe le public de tout changement qui a résulté de la transaction qui pourrait les affecter.</p> |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><b><u>Icyiciro cya 3: Ibisabwa ku gufungura no gufunga ahakorerwa ubucuruzi</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 28: Gufungura ahakorerwa ubucuruzi</u></b></p> <p>(1) Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gishobora, kibanje kubyemererwa mu nyandiko na Banki Nkuru, gushyiraho ahakorerwa ubucuruzi ku butaka bw'u Rwanda.</p> <p>(2) Inyandiko isaba gufungura aho gukorera ibikorwa ishyikirizwa, mu nyandiko, Banki Nkuru igaragaza ibi bikurikira:</p> <p>(a) agace kazakorerwamo n'imiterere y'ibikorwa biteganyijwe;</p> <p>(b) inyigo y'ibiteganywa gukorwa iherekejwe na gahunda y'imari iteganyijwe y'imyaka nibura itatu igaragaza uburyo aho gukorera ibikorwa hazongerera agaciro ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa mu byerekeye abakiriya cyangwa</p> | <p><b><u>Section 3: Requirements for opening and closing a place of business</u></b></p> <p><b><u>Article 28: Opening a place of business</u></b></p> <p>(1) A deposit-taking microfinance institution may open place of business within the Rwandan territory with prior written approval from the Central Bank.</p> <p>(2) The request to open a place of business is addressed, in writing, to the Central Bank specifying the following:</p> <p>(a) the location and nature of activities envisaged;</p> <p>(b) feasibility study with financial projections of at least three years on how the place of business will add value to the deposit-taking microfinance institution in terms of clientele or membership, profitability as well as the share of resources and assets;</p> | <p><b><u>Section 3: Exigences d'ouverture et de fermeture d'un lieu d'activité</u></b></p> <p><b><u>Article 28: Ouverture d'un lieu d'activité</u></b></p> <p>(1) Une institution de microfinance de dépôt peut ouvrir des lieux d'activité sur le territoire rwandais sous l'approbation écrite préalable de la Banque Centrale.</p> <p>(2) La demande d'ouverture d'un lieu d'activité est adressée, par écrit, à la Banque Centrale en précisant les éléments suivants:</p> <p>(a) l'emplacement et la nature des activités envisagées;</p> <p>(b) étude de faisabilité avec des projections financières d'au moins trois ans sur la façon dont le lieu d'activité va ajouter de la valeur à l'institution de microfinance de dépôt en termes de clientèle ou membres, de</p> |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                              |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>abanyamuryango, urwunguko ruteganyijwe, hamwe n'uruhare mu kongera aho umutungo uturuka ndetse n'umutungo;</p> <p>(c) imikorere y'ubugenzuzi bw'imbere mu kigo n'umutekano w'amafaranga;</p> <p>(d) ingengo y'imari iteganyirijwe aho gukorera ibikorwa;</p> <p>(e) imiterere y'imyanya y'akazi ku hantu hazakorera ibikorwa;</p> <p>(f) icyemezo cy'uko hishyuwe muri Banki Nkuru amafaranga adasubizwa yo kwiga dosiye angana na 50.000 FRW, iyo ubusabe ari ubwo gufungura ishami.</p> <p>(3) Banki Nkuru isuzuma dosiye ikanamenyesha ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa umwanzuro yafashe mu gihe kitarenze iminsi 30 uhaye ku itariki dosiye yuzuye yakiriwe.</p> | <p>(c) details of internal control system and security of funds;</p> <p>(d) detailed budget for the establishment of the place of business;</p> <p>(e) the proposed staffing structure of the place of business;</p> <p>(f) proof of payment to the Central Bank of a non-refundable application fee of FRW 50,000, if the request is for opening a branch.</p> <p>(3) The Central Bank assesses the application file and notify the deposit-taking microfinance institution of its decision within a period not exceeding 30 days from the date of the receipt of fully completed application.</p> | <p>rentabilité ainsi que la part de ressources et d'actifs;</p> <p>(c) le système de contrôle interne et la sécurité des fonds;</p> <p>(d) budget détaillé pour l'ouverture d'un lieu d'activité;</p> <p>(e) la structure du personnel proposée pour le lieu d'activité;</p> <p>(f) preuve de paiement à la Banque Centrale des frais de demande non-remboursables de 50.000 FRW, si la demande concerne l'ouverture d'une branche.</p> <p>(3) La Banque Centrale évalue le dossier et notifie sa décision à l'institution de microfinance de dépôt dans un délai n'excédant pas 30 jours à compter de la date de réception de la demande dûment remplie.</p> |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                              |                                                                                                                                                                                                                      |                                                                                                                                                                                                                                                                              |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(4) Mbere yo gutangira imirimo, Banki Nkuru ishobora gukora ubugenzuzi bw'ahazakorerwa ibikorwa igamije gusuzuma ko habereye gukorerwa imirimo yateganyijwe ndetse n'uko hari ikoranabuhanga rituma ahazakorerwa habasha kujya ku muyoboro uhahuza n'icyicaro gikuru.</p> | <p>(4) Before starting the operations, the Central Bank may undertake an inspection of the premises and examine the compliance with the operational readiness as well as interconnectivity with the head office.</p> | <p>(4) Avant de commencer les opérations, la Banque Centrale peut procéder à une inspection des locaux et examiner l'état de préparatif ainsi que le système de technologie de l'information en place permettant au lieu d'activité d'être interconnectée avec le siège.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 29: Kwimura cyangwa gufunga aho gukorera ibikorwa</u></b></p>                                                                                                                                                                                            | <p><b><u>Article 29: Relocation or closure of a place of business</u></b></p>                                                                                                                                        | <p><b><u>Article 29: Déménagement ou fermeture d'un lieu d'activité</u></b></p>                                                                                                                                                                                              |
| <p>(1) Umwanzuro uwo ari wo wose wo kwimura cyangwa gufunga ahakorerwa ibikorwa wemezwa na Banki Nkuru.</p>                                                                                                                                                                  | <p>(1) Any decision for relocation or closure of the place of business is subject to prior written approval of the Central Bank.</p>                                                                                 | <p>(1) Toute décision de délocalisation ou de fermeture du lieu d'activité est soumise à l'approbation écrite préalable de la Banque Centrale.</p>                                                                                                                           |
| <p>(2) Banki Nkuru ifata icyemezo ku busabe mu minsi mirongo 30 nyuma yo kwakira dosiye isaba yuzuye.</p>                                                                                                                                                                    | <p>(2) The Central Bank shall take decision on the request within a period of 30 days after receipt of complete application.</p>                                                                                     | <p>(2) La Banque Centrale prend une décision sur la demande dans un délai de 30 jours après réception de la demande complète.</p>                                                                                                                                            |
| <p>(3) Ibisabwa mu kwimura aho gukorera ibikorwa ni bimwe nk'ibisabwa mu gusaba gufungura aho gukorerwa ibikorwa.</p>                                                                                                                                                        | <p>(3) The requirements for relocation of place of business are the same as those of opening a place of business.</p>                                                                                                | <p>(3) Les exigences pour le déménagement d'un lieu d'activité sont les mêmes que celles de l'ouverture d'un lieu d'activité.</p>                                                                                                                                            |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(4) Mbere yo gutanga uruhushya rwo kwimura cyangwa gufunga ahantu hakorerwa ubucuruzi, Banki Nkuru ibanza:</p> <p>(a) kumenya neza ko inyungu z’abakiriya cyangwa abanyamuryango b’aho ikigo cy’imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisanzwe gikorera zitazabangamirwa n’ifunga;</p> <p>(b) kumenya neza ko hari uburyo bwateganyijwe mu kwirinda uburiganya n’ibindi bikorwa by’ubuhemu mu gihe cyo kwimuka cyangwa ifunga.</p> <p>(5) Iyo gufunga aho gukorera ibikorwa byemewe mu nyandiko na Banki Nkuru, ikigo cy’imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba gutanga integuza y’amezi atatu kuri rubanda ya gahunda yo gufunga. Hanyuma yaho, kimenyesha Banki Nkuru itariki nyayo aho gukorera ibikorwa hazaba hafunzwe.</p> | <p>(4) Before authorizing the relocation or closure of a place of business, the Central Bank seeks to be satisfied that:</p> <p>(a) ensure that the interest of clients or members in the area where the deposit-taking microfinance institution currently operates will not be jeopardized by the relocation or closure;</p> <p>(b) ensure that there is proposed controls for avoiding fraud and malpractices in the process of relocation or closure.</p> <p>(5) Once the written approval to close a place of business has been granted by the Central Bank, the deposit-taking microfinance institution shall give three months notice to the public of its intention to close. Thereafter, it shall inform the Central Bank the actual date that a place of business will be closed.</p> | <p>(4) Avant d’autoriser le déménagement ou la fermeture d’un lieu d’activité, la Banque Centrale s’assure que:</p> <p>(a) s’assure que l’intérêt de clients ou membres dans la zone d’opération actuelle de l’institution de microfinance de dépôt ne sera pas compromis par le déménagement ou la fermeture;</p> <p>(b) s’assure qu’il y a les Contrôles proposés pour éviter les fraudes et les malversations pendant le déménagement ou la fermeture.</p> <p>(5) Une fois que l’approbation écrite à la fermeture d’un lieu d’activité a été accordée par la Banque Centrale, l’institution de microfinance de dépôt doit donner au public un préavis de trois mois de son intention de fermer. Par la suite, elle informe la Banque Centrale de la date effective de fermeture d’un lieu d’activité.</p> |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                      |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(6) Ku itariki aho gukorera ibikorwa hafunzwe cyangwa himuwe, ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba kumanura amatangazo yose cyangwa ibimenyetso bigaragara byerekeye ahakorerwa ibikorwa hafunzwe cyangwa himuwe.</p>                                     | <p>(6) On the date a place of business is closed or relocated, the deposit-taking microfinance institution shall remove all advertisements or visible signage related to the closed or relocated place of business.</p>                                                                                                                          | <p>(6) La date où un lieu d'activité est fermé ou relocalisé, l'institution de microfinance de dépôt doit enlever toutes les publicités ou panneaux visibles liés au lieu d'activité fermé ou relocalisé.</p>                                                                                                                                                          |
| <p><b><u>Ingingo ya 30:</u> Kunanirwa gutangira ibikorwa</b></p>                                                                                                                                                                                                                     | <p><b><u>Article 30:</u> Failure to commence operations</b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                                  | <p><b><u>Article 30:</u> Incapacité de débiter les activités</b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |
| <p>Iyo ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kinaniwe gutangira ibikorwa ahakorerwa ubucuruzi hashya hemejwe mu gihe cy'amezi atandatu, cyamburwa icyo cyemezo kandi ntigishobora gutangira ibikorwa keretse gitanze ubundi busabe kandi bikemewe na Banki Nkuru.</p> | <p>When a deposit-taking microfinance institution fails to commence operations in a new place of business for which approval was given within six months, the approval shall be revoked and the deposit-taking microfinance institution shall not commence operations until a new application is submitted and approved by the Central Bank.</p> | <p>Lorsqu'une institution de microfinance de dépôt ne parvient pas à débiter les activités dans un nouveau lieu d'activité pour lequel l'approbation a été donnée dans les six mois, l'approbation est révoquée et l'institution de microfinance de dépôt ne commence ses activités qu'après une nouvelle demande est soumise et approuvée par la Banque Centrale.</p> |
| <p><b><u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZINYURANYE N' IZISOZA</b></p>                                                                                                                                                                                                                     | <p><b><u>CHAPTER IV:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                              | <p><b><u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</b></p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                     |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><b><u>Ingingo ya 31: Guhindura imiterere y'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa</u></b></p> <p>(1) Koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa ishaka guhinduka sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa igomba kubanza kubyemererwa mu nyandiko na Banki Nkuru nyuma yo kuyishyikiriza ibi bikurikira:</p> <p>(a) ibaruwa ibisaba yandikiwe Banki Nkuru;</p> <p>(b) imyanzuro y'inama y'inteko rusange yemeza iryo hinduramiterere;</p> <p>(c) inyigo y'ibiteganywa gukorwa isobanura neza inyungu izava mu ihinduramiterere hamwe n'ibizagerwaho mu gihe kizaza harimo gahunda y'ibikorwa biteganyijwe nibura mu myaka itatu, igenamigambi, gahunda yayo y'ishyirambikorwa na gahunda y'imari iteganyijwe</p> | <p><b><u>Article 31: Transformation of a deposit-taking microfinance institution</u></b></p> <p>(1) A deposit-taking microfinance cooperative that wishes to transform into a deposit-taking microfinance company shall seek prior written approval from the Central Bank upon submission of the following:</p> <p>(a) application letter addressed to the Central Bank;</p> <p>(b) resolutions of the general assembly meeting adopting the transformation;</p> <p>(c) a feasibility study detailing the transformation benefits and future achievements, including a strategic plan for at least three years, annual business plan, action plan and financial projections of the company resulting from the transformation;</p> | <p><b><u>Article 31: Transformation d'une institution de microfinance de dépôt</u></b></p> <p>(1) Une coopérative de microfinance de dépôt qui souhaite la transformation en une société de microfinance de dépôt doit obtenir l'approbation écrite préalable de la Banque Centrale sur présentation des documents suivants:</p> <p>(a) lettre de demande adressée à la Banque Centrale;</p> <p>(b) les résolutions de l'assemblée générale approuvant la transformation;</p> <p>(c) une étude de faisabilité détaillant les avantages de la transformation et les réalisations futures, y compris un plan stratégique pour au moins trois ans, un plan d'affaires annuel, plan d'action et des projections financières de la société envisagée;</p> |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>bya sosiyete izakomoka mu ihinduramiterere;</p> <p>(d) gihamya y'uko ifite imari shingiro isabwa sosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa;</p> <p>(e) gahunda iteganyijwe y'imiterere y'imigabane ya sosiyete iizakomoka ku ihinduramiterere;</p> <p>(f) indi nyandiko yose iri ngombwa.</p> <p>(2) Mu gihe Banki Nkuru isanze icyifuzo ku ihinduramiterere gikwiye, imenyeshya uwasabye mu gihe kitarenze iminsi 30 y'akazi imusaba kohereza izindi nyandiko zirimo n'icyemezo cy'iyandikwa rya sosiyete kugira ngo ubusabe bwemezwe burundu.</p> | <p>(d) proof of possessing the minimum capital required for a deposit-taking microfinance company;</p> <p>(e) the proposed shareholding structure of the company resulted from the transformation;</p> <p>(f) Any other document deemed necessary.</p> <p>(2) In case the Central Bank has no objection on application for transformation proposal, in a period not exceeding 30 working days, it shall inform the applicant to submit other documents including the company registration certificate for the final approval.</p> | <p>(d) preuve de la possession du capital minimum requis pour la société de microfinance de dépôt;</p> <p>(e) la structure de l'actionnariat proposé de la société résultant de la transformation;</p> <p>(f) Tout autre document jugé nécessaire.</p> <p>(2) Au cas où la Banque Centrale n'a pas d'objection à la proposition de transformation, elle informe le demandeur, dans un délai ne dépassant pas 30 jours ouvrables, de soumettre d'autres documents y compris le certificat d'enregistrement d'une société pour l'approbation finale.</p> |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

| <b><u>Ingingo ya 32: Inyandiko zigomba kumenyeshwa Banki Nkuru</u></b>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  | <b><u>Article 32: Documents requiring notification to the Central Bank</u></b>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             | <b><u>Article 32: Documents exigeant la notification à la Banque Centrale</u></b>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(1) Igihe habaye impinduka cyangwa ubugororangingo mu nyandiko zikurikira, ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kigomba gutanga inyandiko ivuguruye yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha mu minsi 20 nyuma y'iryo yemezwa:</p> <p>(a) ku makoperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, amategeko shingiro;</p> <p>(b) ku masosiyete y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa, amasezerano n'amategeko shingiro;</p> <p>(c) politiki n'amabwiriza byose bikurikizwa mu kigo;</p> <p>(d) gahunda y'ibikorwa biteganyijwe harimo n'igenamigambi, gahunda yayo y'ishyirambikorwa n'ingengo y'imari;</p> | <p>(1) In case there is any change or amendment on the following documents, the deposit-taking microfinance institution shall submit the revised document approved by the competent authority within 20 days after approval:</p> <p>(a) by-laws for deposit-taking microfinance cooperatives;</p> <p>(b) memorandum and articles of association for deposit-taking microfinance companies;</p> <p>(c) all internal policies and procedures;</p> <p>(d) strategic plan, corresponding annual business plan, action plan and the budget;</p> | <p>(1) En cas de changement ou de modification des documents suivants, l'institution de microfinance de dépôt soumet le document révisé et approuvé par l'autorité compétente dans les 20 jours suivant l'approbation:</p> <p>(a) statuts, pour les coopératives de microfinance de dépôt;</p> <p>(b) l'acte constitutif et les statuts, pour les sociétés de microfinance de dépôt;</p> <p>(c) toutes les politiques et procédures internes;</p> <p>(d) plan stratégique y compris un plan d'affaires annuel, plan d'action et budget;</p> |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                     |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>(e) ishyirwaho ry'indi serivisi cyangwa impinduka zikomeye zabayeho muri serivisi isanzwe itangwa.</p> <p>(2) Banki Nkuru imenyesha gusa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa iyo hari ubugororangingo bukenewe gukorwa ku nyandiko zatanze mu minsi mirongo 30 y'akazi nyuma yo kwakira inyandiko zuzuye.</p>                                                                                                                                  | <p>(e) any introduction of new product or radical change in the existing product.</p> <p>(2) The Central Bank shall only inform the deposit-taking microfinance institution in case there is any amendment needed on the submitted documents within 30 working days after receipt of complete documents.</p>                                                                                                           | <p>(e) mis en place d'un nouveau produit ou changement radical d'un produit existant.</p> <p>(2) La Banque Centrale, dans les 30 jours ouvrables suivant la réception des documents complets, notifie l'institution de microfinance de dépôt si les documents soumis nécessitent des modifications.</p>                                                                                                                                             |
| <p><b><u>Ingingo ya 33: Kubahiriza imari shingiro nshyashya</u></b></p> <p>(1) Ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa bidakwiye ikigero cy'imari shingiro gishyashya gisabwa, bigomba kuba byakigezeho mu bihe bigenye ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) 700.000.000 FRW kuri sosiyete y'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa na 70.000.000 FRW kuri koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa mu gihe cy'imyaka itatu ibarwa</p> | <p><b><u>Article 33: Compliance with the new minimum paid up capital</u></b></p> <p>(1) Existing deposit-taking microfinance institutions that do not have the minimum paid up capital shall meet it as follows:</p> <p>(a) FRW 700,000,000 for deposit taking microfinance company and FRW 70,000,000 for deposit taking microfinance cooperative within three years from the publication of this regulation; and</p> | <p><b><u>Article 33: Conformité au nouveau niveau du capital minimum libéré</u></b></p> <p>(1) Les institutions de microfinance de dépôt existantes qui n'ont pas le capital minimum libéré doivent le respecter comme suit:</p> <p>(a) 700.000.000 FRW pour la société de microfinance de dépôt et 70.000.000 FRW pour la coopérative de microfinance de dépôt dans un délai de trois ans à compter de la publication du présent règlement; et</p> |

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>uhereye igihe aya mabwiriza rusange atangarijwe mu igazeti ya Leta; na</p> <p>(b) 1.000.000.000 FRW kuri sosiyete y'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa na 100.000.000 FRW kuri koperative y'imari iciriritse yakira amafaranga abitswa mu gihe cy'imyaka itanu ibarwa uhareye igihe aya mabwiriza rusange atangarijwe mu igazeti ya Leta.</p> <p>(2) Ikigo cyakira amafaranga abitswa gifite uruhushya rwo gukora kitujuje imari shingiro gisabwa ku munsu aya mabwiriza rusange atangarijweho mu Igaze ya Leta asabwe gushyikiriza Banki Nkuru, mu gihe cy'amezi atanu nyuma y'itangazwa ry'aya mabwiriza rusange mu igazeti ya Leta, gahunda y'izamura ry'imari shingiro.</p> <p>(3) Iyi ngingo iraba Koperative zo kuzigama no kuguriza z'Umurenge (U-</p> | <p>(b) FRW 1,000,000,000 for deposit taking microfinance company and FRW 100,000,000 for deposit taking microfinance cooperative within five years from the publication of this regulation.</p> <p>(2) Existing licensed deposit taking microfinance institution that do comply with the minimum paid up capital at the time of the publication of this regulation in the Official Gazette shall submit to the Central Bank the buildup capital plan within six months after the publication of this regulation in the Official Gazette.</p> <p>(3) This article applies to Umurenge savings and credit cooperatives(U-</p> | <p>(b) FRW 1.000.000.000 pour la société de microfinance de dépôt et 100.000.000 FRW pour la coopérative de microfinance de dépôt dans un délai de cinq ans à compter de la publication du présent règlement.</p> <p>(2) L'institution de microfinance d dépôt agréée existante qui ne respecte pas le capital minimum libéré au moment de la publication du présent règlement au Journal officiel doit soumettre à la Banque centrale le capital de constitution plan dans les six mois suivant la publication du présent règlement au Journal Officiel.</p> <p>(3) Cet article s'applique aux Umurenge coopératives d'épargne et de crédit (U-</p> |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>SACCOs) kuva zikimara kwihuriza ku rwego rw'Akarere.</p> <p>(4) Umunyamigabane ku giti cye, yaba umuntu usanzwe cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi ufite imigabane irenze 25% haba muburyo buziguye cyangwa butaziguye ahawe igihe cy'umwaka umwe kugirango yubahirize ibisabwa n'ingingo ya 17 y'aya mabwiriza rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 34: Guha agaciro ibyakozwe mbere y'aya mabwiriza rusange</u></b></p> <p>(1) Impushya n'ibyakozwe hashingiwe ku Ibwiriza rusange no 02/2009 ryo ku wa 27/05/2009 ryerekeye imitunganyirize y'imikorere y'ibigo by'imari iciriritse bigumana agaciro kabyo.</p> <p>(2) Ariko ibigo by'imari iciriritse byifuza guhindura impushya bifite hashingiwe ku itegeko rishya ndeste n'aya mabwiriza rusange byabisaba Banki Nkuru.</p> | <p>SACCOs) upon their consolidation at district level.</p> <p>(4) An individual shareholder, whether a natural person or corporate body that exceeds the shareholding of 25% either directly or indirectly is given a period of one year to comply with requirements of the Article 17 of this regulation</p> <p><b><u>Article 34: Validation of actions performed before this regulation</u></b></p> <p>(1) Licenses issued and actions performed in accordance with the Regulation n° 02/2009 of 27/05/2009 on the organization of Microfinance activity remain valid.</p> <p>(2) However, deposit-taking microfinance institutions wishing to review their licences in accordance with the new law and this regulation may request it to the Central Bank.</p> | <p>SACCOs) dès leur consolidation au niveau du district.</p> <p>(4) Un actionnaire individuel, si la personne physique ou morale qui dépasse directement ou indirectement l'actionnariat de 25% dispose d'un délai d'un an pour se conformer aux exigences de l'article 17 du présent règlement.</p> <p><b><u>Article 34: Validation des actions réalisées avant ce règlement</u></b></p> <p>(1) Les agréments délivrés et les actions réalisées conformément au Règlement n° 02/2009 du 27/05/2009 portant organisation de l'activité de Microfinance restent valables.</p> <p>(2) Toutefois, les institutions de microfinance de dépôt souhaitant revoir leurs agréments conformément à la nouvelle loi et au présent règlement peuvent en faire la demande auprès de la Banque Centrale.</p> |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|                                                                                                                                                                                                                                                 |                                                                                                                                                                                                                       |                                                                                                                                                                                                                                                      |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><b><u>Ingingo ya 35: Ingingo y’ururimi</u></b></p> <p>Aya mabwiriza rusange yateguwe mu rurimi rw’Icyongereza.</p>                                                                                                                           | <p><b><u>Article 35: Language provision</u></b></p> <p>This regulation was drafted in English.</p>                                                                                                                    | <p><b><u>Article 35: Disposition linguistique</u></b></p> <p>Le présent règlement a été rédigé en anglais.</p>                                                                                                                                       |
| <p><b><u>Ingingo ya 36: Ingingo ivanaho</u></b></p> <p>Ibwiriza rusange n° 02/2009 ryo ku wa 27/05/2009 ryerekeye imitunganyirize y’imikorere y’ibigo by’imari iciriritse n’izindi ingingo zinyuranyije n’aya mabwiriza rusange bivanyweho.</p> | <p><b><u>Article 36: Repealing provision</u></b></p> <p>Regulation n° 02/2009 of 27/05/2009 on the organization of Microfinance activity and any other prior provisions contrary to this regulation are repealed.</p> | <p><b><u>Article 36: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Le règlement n° 02/2009 du 27/05/2009 relatif à l'organisation de l'activité de microfinance et toutes autres dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogés.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 37: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsu atangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>                                                                   | <p><b><u>Article 37: Entry into force</u></b></p> <p>This regulation comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>                                           | <p><b><u>Article 37: Entre en vigueur</u></b></p> <p>Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>                                                                             |

**Kigali, 27/03/2023**

**(sé)**

**RWANGOMBWA John**  
**Guverineri**  
**Governor**  
**Gouverneur**

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
**Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta**  
**Minister of Justice and Attorney General**  
**Ministre de la Justice et Garde des Sceaux**

|                                                                                                                                                                                                                             |                                                                                                                                                                                           |                                                                                                                                                                                     |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><b>UMUGEREKA WA MBERE<br/>W'AMABWIRIZA RUSANGE N° 57/2023<br/>YO KU WA 27/03/2023 AGENA<br/>IBIGENDERWAHO MU GUTANGA<br/>URUHUSHYA N'IBINDI BISABWA<br/>IBIGO BY'IMARI ICIRIRITSE BYAKIRA<br/>AMAFARANGA ABITSWA</b></p> | <p><b>ANNEX ONE TO REGULATION N°<br/>57/2023 OF 27/03/2023 ESTABLISHING<br/>LICENSING REQUIREMENTS AND<br/>OTHER CONDITIONS FOR DEPOSIT-<br/>TAKING MICROFINANCE<br/>INSTITUTIONS</b></p> | <p><b>ANNEXE PREMIÈRE DU RÈGLEMENT<br/>N° 57/2023 DU 27/03/2023 PORTANT<br/>CONDITIONS D'AGRÈMENT ET<br/>AUTRES EXIGENCES AUX<br/>INSTITUTIONS DE MICROFINANCE DE<br/>DÉPÔT</b></p> |
| <p><b>INYANDIKO YO GUSABA URUHUSHYA<br/>RWO GUKORA NK'IKIGO CY'IMARI<br/>ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA<br/>ABITSWA</b></p>                                                                                                  | <p><b>APPLICATION FORM FOR A LICENSE<br/>TO OPERATE AS A DEPOSIT-TAKING<br/>MICROFINANCE</b></p>                                                                                          | <p><b>FORMULAIRE DE DEMANDE<br/>D'AGRÈMENT POUR OPÉRER EN<br/>TANT QU'INSTITUTION DE<br/>MICROFINANCE DE DÉPÔT</b></p>                                                              |

**Official Gazette n° Special of 31/03/2023**

Kuri Guverineri  
Banki Nkuru y'u Rwanda  
P.O Box 531,  
KIGALI

Njyewe, .....mu bubasha bwa ..... wa/ nk'intumwa yemewe n'amategeko ya ....., isosiyete/ koperative yashinzwe hakurikijwe Itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi/ rigenga amakoperative, n'andi mategeko yubahirizwa mu Rwanda, nanditse nsaba uruhushya rwo gukora nk'ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa, hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza rusange n° 57/2023 yo ku wa 27/03/2023 akena ibigenderwaho mu gutanga uruhushya n'ibindi bisabwa ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa, kugira ngo hakorwe ibikorwa bikurikira:

.....  
.....

Ntanze inyandiko zivugwa mu ngingo ya 7 y'Amabwiriza rusange n° 57/2023 yo ku wa 27/03/2023 akena ibigenderwaho mu gutanga uruhushya n'ibindi bisabwa ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa.

*Amazina y'usaba uruhushya* .....

Aho usaba uruhushya abarizwa (Agasanduku k'iposita, telefoni, email)

.....  
.....  
.....

**Icyemezo n'inshingano**

Njyewe, ..... nemeje ko amakuru yose akubiye muri iyi nyandiko ndetse n'ayiherekeje yuzuye kandi ko ari ukuri, nkurikije ibyo nzi kandi nemera.

Niyemeje guhita menyesha Banki Nkuru, impinduka zose zikomeye zizaba ku makuru akubiye muri iyi nyandiko.

Mbirahiriye i ..... kuri uyu muni wa ...../...../20.....

\_\_\_\_\_  
*Umukono w'urahiye*

Utanze amakuru asobanukiwe neza ibikubiye muri iyi nyandiko.

Birahiriwe imbere yanjye,

---

**NOTERI**

